

Bibiliya y'abana irerekana

Isezerano
Imana yahaye
Aburahamu



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
Alastair Paterson

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.


yasohowe na: Bible for Children

www.M1914.org

©2020 Bible for Children, Inc.

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi
nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.






Nyuma y'Igihe
kirekire umwuzure
ubaye, abantu kw'isi
bategura umugambi.



"Tugiye kubaka umudugudu
n'inzu y'amatafari ndende
igere ku ijuru" baravuga.



"Dukomeze tubane
ibihe byose" bose
bavugaga ururimi
rumwe.



Imana yifuzaga ko abantu
batura hose mu isi
yaremye. Yakoze
ikidasanzwe.



Bidatinze abantu bavuga
indimi nyinshi zinyuranye.
Imana ibaha kuvuga indimi
nshya.



Abavugaga ururimi rumwe batangira kwivangura. Batangira gutinyana kuko batumvikanaga mu mvugo.



Ubwo nibwo buryo Imana yakoresheshe
ibatataniriza mu bihugu



binyuranye.



Umudugudu bahagaritse kubaka wiswe
babeli bisobanura ngo urujijo.



Nyuma y'imyaka myinshi, ahitwa Uri
y'abakuludaya,
Imana ivugana
n'umugabo
witwa Aburamu
"Va muri
iki Gihugu"
Imana
irategeka.



"Genda mu gihugu
nzakwereka".



Aburamu arumvira. Imana
imuyobora i Kanani. Umugore
we Sarayi n'umuhungu wabo Loti
(muhungu wa Harani) baramukurikira.



Bageze i Kanani Loti
na Buramu bagwijije
ubutunzi. Bagize
amashyo yamatungo.



Ntabwo bari bamenyereye ubworozi bw'amatungo menshi. Abashumba ba Loti n'ab'Aburamu baratongana. Aburamu ati: ntibidutere gutongana.



Ahubwo dutandukane. Loti,
Ni wowe uhitamo bwa
mbere aho ushaka gutura.




Loti ahitamo ikibaya kinini
cy'ibyatsi bitoshye
kirimo imigi
n'imidugudu.




Cyasaga neza. Aliko iyo
midugudu yari mibi kubera
ibyaha.




Loti amaze kugenda,
Imana yongera ibwira
Aburamu iti:



Nguhaye igihugu cya
Kanani, Iki gihugu ni
icyawe n'urubyaro
rwave iteka ryose.



Aburamu na Sarayi nta
rubyaro bari bafite. Ni
gute Imana yabitse
isezerano?





Abagabo batatu b'Imana boherezwa kwa
Aburamu na Sara. Baravuga bati: "Mugiyе
kubyara umwana", Sara aratangara.





Ntabwo yizeraga ubwo
butumwa bw'Imana. Yari afite imyaka
mirongo urwenda.





Imana ibwira Aburamu iti
uhereye ubu uzitwa Aburahamu na
Sarayi azitwa Sara (umwamikazi).



Imana ibwira
Aburahamu ko
igiye gusenya imigi
ya Sodomo
na Gomora.



Umwishwa wa
Aburahamu yari
atuye Sodomo
n'umuryango we.




Loti yemera integuza
y'Imana avayo aliko
abagabo ba
bakobwa be
banga kuva
Sodomo.

Mbega
ibikomeye!
Ntabwo
bizeraga
ijambo
ry'Imana.



Loti n'abakobwa be babiri
nibo babonye umutekano.
Umuriro w'amazuku utwika
iyo midugudu yuzuye

ubugome
bw'Ibyaha.



Ikibabaje, umugore wa
Loti ntabwo yumviye
amabwiriza y'Imana
maze areba inyuma ubwo

yirukaga.



Ahinduka inkingi
y'umunyu.



Imana yashoje
isezerano yahaye
Aburahamu
na Sara.
Babyaye
umwana mu
myaka
y'izabukuru
nkuko
Imana yari
yarabivuze.



Mbega
umunezero
bagize
Isaka
amaze
kuvuka !



Ahari na
Aburahamu
yatekerezaga
ku masezerano
y'Imana ...



... yo guhabwa
igihugu cya
Kanani we
n'urubyaro
rwe.



Imana
igomba
gusoza iryo
sezerano.
Imana iteka



isoza
amasezerano.

Isezerano Imana yahaye Aburahamu
inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 11-21

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana
umucyo." Zaburi 119:130





Iherezo



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita
icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko
Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje
umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku
musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro
byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu
rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi
ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe,
azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi
uzabana nawe ubuzira herezo.



Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanje Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanje, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.

Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16

